

Gutsura ubuziranenge ni ugutanga ubuzima buzira umuze

IBIRIMO

Ubuziranenge ni ubw'agaciro ku muntu



Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge, RBS, (Rwanda Bureau of Standards) ni ikigo Gifite Inshingano yo Gushyiraho Amabwiriza y'Ubuziranenge no kugenzura ko ibicuruzwa byujuje ubuzirange hagamijwe kurengera ubuzima bw'abaguzi.

Urup II

Abanyarwanda birinde ibicuruzwa bitujuje ubuziranenge - SULFO

SULFO Rwanda ni uruganda ruhabwa ibyemezo by'ubuziranenge na RBS. Uru ruganda rukora rukanakwirakwiza ibicuruzwa by'ibanze. Rukore-ra i Kigali mu Rwanda.

Urup III

Abatunganya umusaruro na bo bagira icyangombwa cy'ubuziranenge

Nubwo ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge, RBS, gitangaza ko ubuziranenge bufite akamaro ku baguzi no ku bagurisha, n'abatunganya ibikomoka ku musaruro na bo basanga gutunganya ibyujuje ubuziranenge bifite akamaro kanini.

Urup IV



Ikigo cya RBS mu gupima Ubuziranenge gikoresha ibyuma bigezweho bijyanye n'igihe

Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge, cyashyizweho n'itegeko No 43/2006 ryo ku wa 5/10/2006 rigena inshingano, imiterere, n'imikorere by'Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RBS).

MUGABO LAMBERT

RBS ni rwo rwego mu Rwanda rushinzwe gushyiraho amabwiriza y'Igihugu y'ubuziranenge. Inzego za Leta, ibigo bya Leta n'ibiyigenga bigomba kugeza imishinga yabyo y'Amabwiriza y'Ubuziranenge kuri RBS kugira ngo iyemeze ku rwego rw'Igihugu.

RBS ifite inshingano z'ingenzi zikurikira:

Gushyiraho Amabwiriza y'Igihugu y'Ubuziranenge no guhuza ibikorwa biyerekeye, gukurikira na ishyirwa mu bikorwa ryayo n'iyubahirizwa ry'ibipimo mu gihugu, gutanga ingero fatizo z'ibipimo, kugenzura iyubahirizwa ryabyo kandi ikabimenyekan-

isha hose mu gihugu. Gukusanya, gushyingura no gushyira mu bikorwa uburyo bw'isuzuma ry'ubwandu ku bikomoka ku buhinzi, ku bworozi no mu nganda. Gusuzuma imikorere y'ibigo nyarwanda bipima ibintu hagamijwe gutanga ibyemezo by'ubuziranenge. Guteza imbere no guhuza ibikorwa

byose bifitanye isano n'ishyirwaho, ikurikizwa ry'Amabwiriza y'Ubuziranenge n'iyubahirizwa ry'ibipimo. Gufasha Guverinoma mu igena, mu ishyiraho no mu ikurikizwa rya politiki y'ubuziranenge no kugena ibyihutirwa muri urwo rwego.

Kumenyekanisha, kwamamaza no kwigisha ibijyanye n'ubuziranenge. Kunganira Guverinoma mu gushyiraho uburyo bunoze kandi butabogamye mu bucuruzi, hashyirwa mu bikorwa amabwiriza n'amategeko yo kubahiriza ibipimo n'ingero. Gutanga inama ku bibazo byose birebana n'ubuziranenge mu gihugu no gufatanya n'Umuryango Mpuzamahanga w'Ubucuruzi cyangwa indi miryango mpuzamahanga ku birebana n'ubuziranenge. Kugira uruhare mu masoko ya Leta no kwemeza umwimerere w'ibintu bigurishwa Leta.

Gushyiraho uburyo bwo kugenzura ubuziranenge bw'ibintu byinjira n'ibisohoka, kugenzura mu gihugu aho bikorerwa, aho bikoresherezwaho n'aho bicururizwa. Gushyiraho gahunda y'Igihugu yo gutanga ibyemezo ku bikomoka ku buhinzi no ku bworozi hadakoreshejwe imiti cyangwa inyongeramusaruro mvaruganda; gushyiraho uburyo cyangwa gufasha igenzura n'ipimwa ry'ibikoze cyangwa byifashishijwe mu gukora ibintu. Guhanga no gufasha gushyiraho uburyo ibyemezo by'umwimerere n'ibyubushobozi mu gusuzuma ubuziranenge bitangwa mu gihugu. Gushyikirana no gukorana n'ibindi bigo bihuje inshingano byo mu rwego rw'Akarere cyangwa mu rwego Mpuzamahanga.





Gutsura ubuziranenge ni ugutanga ubuzima buzira umuze

Ubuziranenge ni ubw'agaciro ku muntu

NYANDWI PIERRE

I kigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge, RBS, (Rwanda Bureau of Standards) ni ikigo gifite inshingano yo gushyiraho Amabwiriza y'Ubuziranenge no kugenzura ko ibicuruzwa byujuje ubuziranenge hagamijwe kurengera ubuzima bw'abaguzi, kugira ngo hatagira icyababanyabwira giturutse ku kutuzuzira ubuziranenge.

Kugeza ubu iki kigo kimaze gukora byinshi mu rwego rwo kugenzura ubuziranenge, dore ko mbere y'uko kijyaho nta buryo buhamye bwo kubuziranenge bwariho. Ibikubiye muri iyi nyandiko, ni ibitangazwa na Dr. Mark Cyubahiro Bagabe, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge, RBS.

Ubuziranenge bufite akamaro ku baguzi no ku bacuruzi

Ubuziranenge bufite akamaro gakomeye ku bacuruzi no ku baguzi kuko butanga icyizere cy'ibyo umuguzi aguze, bugafasha mu kwirinda uburyamirane bushobora kubaho hagati y'umuguzi n'umucuruzi, bugafasha mu kwirinda impanuka zishobora guterwa n'ibikorwaho bitujuje ubuziranenge, bugafasha mu kurengera ibidukikije, kuko butuma hadacuruzwa ibintu bishobora kwangiza umwuka, ikirere,

amazi n'ibindi.

Ni yo mpamvu mu kugenzura ubuziranenge, hagenderwa ku ngaruka (risks) ikintu runaka gishobora kugira ku buzima bw'abantu, kuko hari ibifite ingaruka nini hakaba n'ibifite ingaruka nto. Dufate urugero, hagaruka y'ibyuma byo kubakisha (fer à beton) n'indobo yo kuvomesha. Mu gihe abantu bubakishije amazu "fer à beton" zitagenzwe ko zujuje ubuziranenge, amazu zubatse ashobora kugwa nyuma y'igihe gito agahitana abantu batagira ingano, ariko mu gihe indobo yo kuvomesha itujuje ubuziranenge, umuntu ashobora kuyivomesha ikameneka, kumeneka kw'indobo nta bwo gufite ingaruka nini nko gusenyeza kw'inzu. Murumva ko ingaruka "fer à beton" zitujuje ubuziranenge zagira ku buzima bw'abantu, ntizingana n'izo indobo itujuje ubuziranenge yagira. Ni yo mpamvu mu kugena ibintu bigomba kugenzurirwa ubuziranenge hibandwa ku ngaruka (risks) bifite ku buzima bw'abantu.

N'ibicuruzwa bituruka hanze biragenzurwa

Gusuzuma ubuziranenge ntibirangirira ku bintu bikorerwa imbere mu gihugu gusa, ahubwo n'ibiva hanze na byo bibanza gusuzumwa kuko muri byo na

ho hashobora kubonekamo ibitujije ubuziranenge. Ni muri urwo rwego RBS ifite abakozi ku mipaka, mu bubiko rusange bw'igihugu, MAGERWA, no ku kibuga cy'indege, bashinzwe kugenzura ko ibicuruzwa byinjira byujuje ubuziranenge.

Abo bakozi baba bazi icyo Amabwiriza y'Ubuziranenge asaba ndetse n'ibigomba kuba byanditse ku gapapuro gashyirwa ku gicuruzwa (etiquette) bijyanye n'ubuziranenge bw'igicuruzwa, bityo bagasoma bakareba niba icyo gicuruzwa cyujuje ubuziranenge. Ibyo ntibirangirira aho, ahubwo icyo gicuruzwa kimaze kwinjira, bazana ku biro bya RBS, icyo bita impagararizi (sample) kugira ngo gipimwe. Mu gihe habonetse ibicuruzwa bitujuje ubuziranenge hafatwa ingamba zitandukanye bitewe n'ubwoko bw'igicuruzwa. Urugero, nk'amata cyangwa amazi atujuje ubuziranenge bisabwa ko amenwa kugira ngo atazangiza ubuzima bw'abantu, ariko nk'ibikorwaho bifatwa nk'uburozi (produits chimiques), bisabwa ko bisubizwa aho byaturutse kugira ngo bitamenwa mu Rwanda bikaba byagira ingaruka ku gihugu nko kwangiza ubuzima bw'abantu cyangwa ibidukikije.

Abacuruzi basabwa kubahiriza Amabwiriza y'Ubuziranenge

Abacuruzi ndetse n'abakora ibikorwaho bicuruzwa basabwa kuba inyangamugayo, bakubahiriza Amabwiriza y'Ubuziranenge, kuko uwo bigaragaye ko atabyubahirije abihanirwa. Hari abo RBS yagiye ifatira mu makosa yo kudakurikiza Amabwiriza y'Ubuziranenge. Hari bamwe mu bacuruzi bafataga amabuye y'iminzani bakayatyaza, kugira ngo uburemere bwayo bugabanyuke, ibyo bigatuma abaguzi bagura ibidahuye n'ingano bifuzaga kugura. Abafashwe barihanangirijwe.

Aha ni ho twavugaga haruguru ko Amabwiriza y'Ubuziranenge afasha mu kwirinda uburyamirane, kuko nk'aha umuguzi yabaga aryamiwe. Ahandi



Dr Mark Cyubahiro Bagabe, Umuyobozi Mukuru wa RBS

higeze kugaragara abarenga ku Mabwiriza y'Ubuziranenge ni ku masitasiyo ya lisansi na mazutu, aho bamwe batangaga litiro ituzuye neza. Ababifatiwemo barafungirwe bafungurirwa ari uko bakosoye amakosa bari barakoze, kandi RBS igenzura ku buryo buhoraho ko bubahirira ibyo basabwa aho ishyira ikimenyetso (sticker) kuri pompe ya lisansi na mazutu kugira ngo hatazagira uwiba umuguzi.

Abafatanyabikorwa ba RBS bayifasha kugera ku nshingano zayo

Mu kuzuza inshingano zayo, RBS irashima imikoranire myiza, gukorera mu mucyo no kuzuzanya biranga abakozi bayo, ariko by'umwihariko igashima abafatanyabikorwa bayifasha kugera ku ntego ziyemeje. Bamwe mu bafatanyabikorwa bayo harimo abaturage, inzego z'ibanze, itangazamakuru, ishyirahamwe ry'abaguzi, ibigo bya Leta bitandukanye n'abandi.

Abaturage bamaze kumenya akamaro k'ubuziranenge, aho usigaye usanga aho babonye igicuruzwa bafitiye impungenge ku buziranenge bwacyo bafata iya mbere bagahamagaza ku murongo utishyurwa 3250 w'ikigo RBS. RBS kandi yamaze gusinyana amasezaranu y'imikoranire na Minisitiri y'Ubutetezi bw'Igihugu, kugira ngo mu mihigo inzego z'ibanze zihiga, hajye habamo n'ikijyanye n'ubuziranenge. Ibi bikazafasha kugira ngo mu nshingano zabo za buri muni

aba bayobozi bajye bamenya niba ibicuruzwa iwabo byujuje ubuziranenge, mu gihe habaho gushidikanya bakamenyesha RBS.

Imikoranire mu karere ni ingenzi

Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RBS) nk'ikigo kiri mu gihugu gifite akarere gihereyemo, na cyo nticyagumye mu bwigunge cyonyine, ahubwo gifite imikoranire myiza n'ibindi bigo bitsura ubuziranenge byo mu karere k'Afurika y'Uburasirazuba, ndetse bakaba bafite n'urwego (framework) bahuriramo rwitwa SQMT (Standardisation Quality Assurance, Metrology and Testing), bikabafasha kunoza imikoranire no kunguka ubumenyi binyuze mu mahugurwa.

Abanyarwanda nk'uko bakangurirwa gahunda yo kwigira, na RBS ntiyagayeye muri icyo gahunda. Kwigira, RBS ibishingira mu bikorwa ikora. Mu gihe ibicuruzwa byujuje ubuziranenge byaba ibyoherezwa hanze cyangwa ibyinjira mu gihugu, bigafasha Leta gutera imbere, kwigira biba birimo gushyirwa mu bikorwa.

RBS irasaba Abanyarwanda kurangwa n'indangagaciro zo guhora ku isonga no kwanga umugayo, ibyo bakora bigahiga iby'ahandi, hagakorwa ibikorwa bifite ubwiza, ibyo ni byo bizatuma igihugu gitera imbere.



Abacuruzi ibikomoka kuri Peteroli basabwa kubipimisha ubuziranenge

Gutsura ubuziranenge ni ugutanga ubuzima buzira umuze

Abanyarwanda birinde ibicuruzwa bitujuje ubuziranenge - SULFO



Bwana Dharmarajan H., Umuyobozi Mukuru wa "Sulfo Rwanda Industries"

MUKAGAHIZI ROSE

SULFO Rwanda ni uruganda ruhabwa ibyemezo by'ubuziranenge na RBS. Uru ruganda rukora rukanakwirakwiza ibicuruzwa by'ibanze. Rukorera i Kigali mu Rwanda.

Bwana Dharmarajan H., Umuyobozi Mukuru wa "Sulfo Rwanda Industries", yaganiriye n'Imvaho Nshya ku birebana n'ibyo uruganda rukora hibandwa ku buziranenge.

Muri iki kiganiro, Imvaho Nshya=**I.N**, naho Dharmarajan H.=**DH**

I.N: Ni ibihe bicuruzwa mukora kandi ubwiza bwabyo ni ubuhe?

D.H: Kugeza ubu dufite ibyemezo by'ubuziranenge ndashyikirwa ku mata n'amazi, na none kandi dufite ibyemezo by'ubuziranenge byo ku rwego rwit-

wa S-Mark ku bindi bicuruzwa birindwi uruganda rwacu rukora. Hari kandi ibicuruzwa bigera kuri 14 biri hafi kubona ibyemezo by'Ubuziranenge bitangwa n'ikigo cy'Igihugu cy'Ubuziranenge, RBS. Ubwo byose hamwe bikaba ibicuruzwa 22.

I.N: Kugeza ubu mukora ubwoko bungaha bw'ibijyanye no gusukura umubiri?

D.H: Ni byinshi. Twavugaga nk'amavuta y'amazi yisigwa, jellies, amasabune y'ubwoko butandukanye, amavuta afungurwa, puderi, jellies zikomoka kuri peteroli. Na none kandi dufite amasabune asukura ubwiharerero, amasabune yo kumesa n'ibindi.

I.N: Bisaba iki kugira ngo uruganda nk'uru rwanyu rubone ubuziranenge ku bicuruzwa rukora?

D. H: Hari ibintu byinshi bishingirwaho kugira ngo ibicuruzwa runaka bihabwe Ubuziranenge. Ikintu cy'ingenzi ariko ni ukuba ibicuruzwa runaka byujuje amabwiriza aba yashyizweho n'ikigo kibishinzwe. Ni cyo kintu cy'ingenzi.

Ku birebana no kubona E-mark, ibi byo biracukumburwa cyane. Aha ho ibisabwa ntibishingira gusa ku bwiza bw'igicuruzwa runaka; ahubwo birarenga hakanarebwa n'uburyo ikigo cyangwa se uruganda runaka rucunzwe. Urugero, uburyo ubwoko bw'igicuruzwa runaka gikozwemo, uburyo bw'umutekano bwashyizweho mu ruganda. Aha nagira ngo mvuge ko kugira ngo E-mark iboneke hagomba igenzura ryimbitse. Nari navuze na S-mark, iyi yo bashingira gusa ku bwiza bw'igicuruzwa runaka.

I.N: Hari ubwo se RBS yaba yarabasabye kunoza igicuruzwa runaka kubera ko basanze kitujuje ubuziranenge?

D.H: Oya, ibyo nta bwo twigeze duhura na byo. Tumaze igihe kinini dukora ibicuruzwa binyuranye cyakora ku byerekeye E-mark, ibicuruzwa byacu byabaye ibya mbere kwemezwa na RBS. Nta na rimwe rero RBS yigeze isubiza inyuma ibicuruzwa byacu kubera kutuzuzwa ubuziranenge. Ntibyigeze bibaho. Kubera ko tuzi neza ko turamutse dukoze ibicuruzwa bitanoze byasubiza inyuma ubuziranenge. Ni yo mpamvu dukora ibishoboka byose kugira ngo ibicuruzwa byacu bihore ku isonga mu bwiza.

I.N: Bigenda bite ngo ubuziranenge RBS isaba bugerweho?

D.H: Sinavugaga ko byoroshye ariko iyaba ahubwo wari umbajije icyo twe dukora kugira ngo tugere ku buziranenge busabwa na yo, ntibidukomerera kubugeraho kuko tuba tuzi neza icyo dusabwa. Nta gikomere rero kirimo iyo usobanukiwe n'uburyo bukwiye bwo gutunganya ibicuruzwa. Ariko na none bisaba imicungire ihambaye, ubwitange ndetse n'imbaraga nyinshi. Hagize abakubwira ko bikomeye kubugeraho, ubwo baba bafite

ibibazo bijyanye n'ibyo bashyira ku isoko, ndetse n'ibazo mu buyobozi.

I.N: Noneho biroroshye. Ikintu cy'ingenzi ni ugukurikiza amabwiriza ya RBS kugira ngo ugere ku buziranenge bwifuzwa. Si byo?

D.H: Nk'uko nabivuze mbere, nta cyoroshye. Uba ugomba gushyiramo imbaraga nyinshi. Bisaba igihe kirekire n'ibindi. Ariko nyine iyo ushaka kugera ku bicuruzwa binoze izi nzira zose ugomba kuzinyuramo.

I.N: Ni bande muhanganye ku isoko ry'imbere mu gihugu ku bicuruzwa byanyu?

D.H: Nta bwo dushishikajwe cyane n'isoko ry'imbere mu gihugu, ubu turareba cyane ku isoko ryo mu karere. Ku bwanyu, nta we udukanga kuri iri soko.

I.N: No mu karere se?

D.H: Mu karere barahari. Ariko mu Rwanda, nta bo. Cyakora hariya haboneka abigana ibicuruzwa byacu. Hariya haboneka inkozo z'ibibi zigana ibicuruzwa byacu kimwe n'abakoresha uturagabururwa byacu. Twe twongera imbaraga mu gukora ibicuruzwa binoze kandi bizwi na RBS. Na none ariko iyo hagize uwigana ibicuruzwa byacu kandi akabishyira ku isoko, byangiza cyane isura yacu nk'ikigo.

I.N: Kugeza ubu se hari uwo mwari mwafata? Cyangwa se uwo mwashyikirije ubutabera?

D.H: Yego, yego. Ariko ntukeye ko byoroshye. Hari itsinda ry'inkozo z'ibibi ku isoko. Kugeza ubu bamwe barafashwe.

I.N: Tubwire Sulfo mu myaka itanu, icumi se iri imbere?

D. H: Turireba ku bundi buryo, tuvuge nko gukora ibindi bicuruzwa bishya binoze kurushaho, kwagura isoko ryacu. Tuzakomeza kandi gushingira ku kunoza ibicuruzwa byacu kuko twamenye neza ko akeza kigura.

I.N: Ni ubuhe butumwa waha Abanyarwanda?

D.H: Ndashaka kubabwira ko tuzakomeza kubagezaho ibicuruzwa bibanogeye. Kugeza ubu dukorana neza n'ubwo hakiri ibyo kunoza kurushaho. Burya nihagira ukubwira ko ibyo akora byabaye indashyikirwa, biragoye ko yagira icyo yiyungura. Muri Sulfo ntiduhwema kurushaho kunoza ibyo dukora.

Mu kwanzura, nagira ngo mbwire Abanyarwanda ko badakwiye kwirukira ibicuruzwa by'ibyiganano kuko bishobora guhungabanyaza buri wese, ababikoresha, Guverinoma, ababikora, mbese buri wese.

I.N: Murakoze ku kiganiro twagiranye.



Gutsura ubuziranenge, ni ugutanga ubuzima buzira **umuze**



Kaberuka Gervais, Perezida wa Koperative (iburyo) na Rwangarinde Marc, Visi-Perezida wa UNICOOPAV

Abatunganya umusaruro na bo bagira icyemezo cy'ubuziranenge

NYANDWI PIERRE

Nubwo ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge, RBS, gitangaza ko ubuziranenge bufite akamaro ku baguzi no ku baguzi, n'abatunganya ibikomoka ku musaruro na bo basanga gutunganya ibyujije ubuziranenge bifite akamaro kanini, kuko bifasha ugurisha kubona isoko, bitewe n'uko ibicuruzwa biba bifite icyizere, kandi n'ababigira bakagura ibintu bidafite ingaruka ku buzima.

Ibi byemejewe n'ubuyobozi bw'Ihuriro ry'Amakoperative y'Abavumvu mu karere kegereye ibirunga, UNICOOPAV (Union

des Cooperatives Apicoles des Volcans). UNICOOPAV igizwe n'amakoperative arindwi akora ibijyanye n'ubuvumu (ubworozi bw'inzuki), ikorera mu turere twa Burera, Musanze na Nyabihu, ikaba ifite icyicaro mu karere ka Burera, Umurenge wa Rugarama, Akagari ka Gafumba. Aya makoperative yose hamwe agizwe n'abanyamuryango bagera kuri 412. Muri aba banamuryango bose, abagore ni 88 na ho urubyiruko ni 55. Iri huriro ry'amakoperative UNICOOPAV ryabonye ubuzimamagatozi muri Kamena 2010. Ubu buki batunganya buhabwa icyemezo cy'ubuziranenge na RBS, cyemeza ko ubwo buki bwujije ubuziranenge.

Perezida wa UNICOOPAV, bwana

Kaberuka Gervais, na Visi-Perezida wayo, bwana Rwangarinde Marc, bavugaga ko bishimira imikoranye yabo na RBS kuko kuva batangira gukorana byatumye ubuki batunganya bubona isoko rinini kuko abaguzi babwo babugiriyeye icyizere kurushaho, ku buryo kugeza ubu ubuki batunganya bucuruzwa mu gihugu hose, aho bugurwa n'amazu acuruzwa ibyo kurya (aliments), amahoteli, abantu ku giti cyabo, ndetse bukuruzwa hanze y'igihugu nko mu bihugu bituranye n'u Rwanda, cyane cyane Uganda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo ndetse no mu bihugu bya kure nk'Ububiligi, Ubudage n'ahandi, ku buryo buri mwaka nibura ibiro bisaga 600 by'ubuki byoherezwa mu bihugu byo hanze y'u Rwanda, mu gihe ubuki bwose buba bwatunganyijwe ku mwaka bugera kuri toni umunani, bukagurishwa amafaranga 2,600 ku kilo gitunganyijwe na 2,400 ku kilo kivanze n'ibishashara.

RBS ibaba hafi

Ubuyozi bwa UNICOOPAV, butangaza ko ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge kibaba hafi kugira ngo gisuzume ubuziranenge bw'ubuki batunganya kandi na UNICOOPAV mu mirimo yabo ya buri muni bahora bitwararika ibijyanye n'isuku no gutunganya ubuki neza nk'uko babigiriwemo



inama na RBS.

Mu byo RBS yagenzuye hakaba harimo isuku y'ubuki, kuva hasi ku ruvumu (ahateraniye inzuki), kugeza aho babutunganyiriza n'aho babubika, hanyuma ikajyana impagararizi (sample) kuyipima muri laboratwari kugira ngo harebwe niba ubuki bwujije ubuziranenge. Perezida wa UNICOOPAV, avugaga ko kuva batangira kugenzurwa na RBS nta na rimwe iraza ngo isange ubuki batunganya butujije ubuziranenge.